Kibungo,kuwa 14.07.1997

Nº 120/21.08.02

File

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA KIBUNGO
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO.

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse

/ K I G A L I /

IMPAMVU / Raporo y'Igihembwe cya II WERURWE - KAMENA.

Bwana Ministiri,

Hamwe n'iyi barwa, nishimiye kubagezaho Raporo y'Igihembwe cya II, kuva muri WERURWE kugeza muri KAMENE.

Murakoze.

Umuyobozi w'Urubyiruko

BAGOROZI

BIMENYESHEJWE /

- Bwana Perefe wa Perefegitura
K I B U N G O.

RAPORO Y'IGIHEMBWE : WERURWE - KAMENA.-

Muri gahunda y'uyu mwaka, hari hateganijwe gukorwa ibintu byinshi nkuko bigaragara muri Raporo yo kuwa 10.03.1997.

Imilimo twari twishinze yari gukorwa mu bice bitandukanye:

Muri kino gihembwe gishize hari hateganijwe ko Ubuyobozi bw'Urubyiruko ku nzego zose hatangira gahunda yo gusubira kubaka inzego z'Urubyiruko.

- Gutegura Shampiyona y'Umupira w'amaguru muri za segiteri
- Gutangira ibarura ry'Urubyiruko kuko Abanyarwanda benshi bari bamaze gutahuka.
- Gukomeza Amashyirahamwe y'Urubyiruko
- Amahugurwa y'Urubyiruko nibura amakomini abiri muri kino gihembwe gishyize.

Iyi gahunda nto y'igihembwe ntabwo yashoboye gukorwa kuko igihe yari-maze gutangira twahise dutangira kwitegurira INGANDO y'Urubyiruko rutahutse, iyo milimo yose irahagarara.

Aho INGANDO irangiriye tukaba twihaye gahunda yo gushaka uko imilimo yakomeza. Buri wa kabiri w'icyumweru Komini izajya isurwa kugirango tuvugane n'uhagarariye Urubyiruko aho imilimo igeze. Komini BIRENGA ikaba iramukiwe, tukazanasura Urubyiruko rwa segiteri BARE, ndetse na segiteri ya KIBARA, kuko ayo masegiteri uyagereranije nayandi afite ibibazo.

## I M I K I N O.

Mu marushanwa yateguwe na TURERERE U RWANDA, Kibungo yashoboye gutegura Abana, Abahungu n'Abakobwa muri metero 400, 800, 1.500 ndetse nindi mikino inyuranye( Kugendera mu mifuka, Accrobatie, imikino y'ikiyiko, imbombo kumugozi ..........)

Iyo mikino ntabwo yashoboye kuba yose uretse Umupira w'amaguru, kwiruka metero 400, 800, 1.500.

Muri ayo marushanwa, Abana baserukiye kibungo bashoboye kubona imidari ibiri ( 2 ) muri metero 800. Umukobwa n'Umuhungu.

Mu mupira w'Amaguru, ikipi yatsindiwe muri kimwe cya kabiri ½ final na NYAMATA.

IMYIDAGADURO.

Mu rwego rw'Imyidagaduro, habaye Irushanwa ry'Amatorero ryateguwe na Ministeri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse.

Iryo rushanwa rikaba ryarahuje amaperefegitura mu matsinda.

Kibungo ikaba yari mw'itsinda ryarimo ( KIBUNGO-UMUTARA-PVK - KIGALI NGALI).

Muri iryo tsinda, Kibungo yari yaserukiwe n'Itorero "GARUKUREBE" rya Komini RUTONDE, koko niryo ryari ryatwaye Igikombe cya Perefegitura,rikaba ari naryo ryatsinze ayo matorero yavuzwe haruguru, gutyo riba ryemerewe kujya mu gice cya nyuma mu rwego rw'Igihugu.

Mu marushanwa yabaye mu kwezi kwa kane "GARUKUREBE" yahuye n'Amatorero (INDAHEMUKA- URUCYEREREZA-URUGANGAZI-ITORERO RYA RUBAVU-GITARAMA-GARUKUREBE)

Mu rwego rw'Igihugu GARUKUREBE yabaye iya kane (4), ibona igihembo

cy'Amafaranga ibihumbi magana abiri ( 200.000 Frw ).

Mu rwego rw'amaperefegitura yabaye iyakabiri (2)nyuma y'Itorero rya RUBAVU muri GISENYI.

AMAHUGURWA Y'URUBYIRUKO "INGANDO"

Muri ayo mahugurwa , yari arimo Urubyiruko rugera kuri 1.500 naho hakozwemwo byinshi. Uretse Amasomo yatanzwe, twashoboye gushinga Itorero rikomeye " ABIHUJE " iryo torero rikaba ryarashoboye kwerekana urundi Rubyiruko rwo mu zindi NGANDO ko ryiteguye koko igihe ryajyaga i KIGALI mu gusoza imikino yahuzaga Urubyiruko rwari mu NGANDO.

Uretse Abatinnyi n'Intore z'ABIHUJE, hari itorero ry'Ikinamico naryö ryashoboye kwerekana imikino ibiri mbere yuko INGANDO irangira.

Mu mikino, hari ikipi za Hand Ball abakobwa n'abahungu, Volley Ball abahungu n'abakobwa n'ikipe ya Foot Ball.

Mu marushanwa yaduhuje n'izindi NGANDO.

ABAKOBWA /(Volley Ball ) KIBUNGO yatsindiwe i KIGALI ivanwamo na KIGALI NGALI.

ABAHUNGU / Nabo bakuwemo na KIGALI NGALI.

FOOT BALL/ Mbere yuko tujya mu marushanwa yahuzaga Abanyeshuri bari mu NGANDO bahungutse vuba, habanje gutegurwa imikino ibiri ya gicuti yahuje Abanueshuri bari mu NGANDO na KIREHE F.C iri mu kiciro cya kabiri ( 2èm division ).

Mu mikino ibiri yabaye, uwambere izo kipe zombi zaranganije ibitego 3-3, Umukino wa kabiri KIREHE F.C itsinda Abanyeshuri 1-0.

Mu marushanwa yahuje ingando : FOOT BALL

- Umukino wa mbere KIBUNGO yatsinze UMUTARA 3 - 1.
- Umukino wa kabiri KIBUNGO yatsinze CYANGUGU 3 - 1.
- Umukino wa gatatu KIBUNGO yatsinze GITARAMA Penaliti 4 - 3.

Umukino urangiye ntabwo wagenze neza kuko nubwo igihe cyagombaga kuba gito, ntabwo Final yakabaye ariyo ihabwa umwanya muto. Final ya Foot ball yatangaje abantu benshi, kubona ikipe zikina iminota xxxxxxx itanagera no kucyakabiri cy'umwanya usanze uzwi, n'ukuvuga iminota 45'.

Final y'INGANDO yakinnwe iminota 40' yose hamwe, E.T.M y'i KIGALI istinda KIBUNGO igitego kimwe (1-0).

Nubwo xxxx bwose tutashoboye kubona igikombe, turashima cyane intambwe Urubyiruko rwa KIBUNGO rwagezeho muri iyo mikino yose.

Mu mikino NGORORAMUBIRI, Kibungo yabonye imidari 4. Mu metero 400, 1.500, 100, 800: Imidari itatu (3) ya BRONZE, umwe wa ARGENT.

Mu rwego rw'Igihugu, KIBUNGO ikaba yarabaye iya kane (4).

Abakobwa bakaba aribo bitwaye neza, kuko babaye abakabiri (2è) nyuma ya GITARAMA; naho Abahungu bakaba barabaye aba karindwi (7è ).

Muri iyo Midari yabonetse, itatu n'iy'Abakobwa muri (100 m,400m, 800m). Undi ni uwumuhungu ( 1.500m).

... / ...

Muri gahunda twari twafashe, hari ukugenderera Urubyiruko muri za ~~Komini~~ Segiteri zose. N'ukuvuga ko Abayobozi b'Urubyiruko muri za Komini na Perefegitura bari kugenderera za Komini zose, buri Komini ikagira igihe isurirwa n'abahagarariye Urubyiruko muri izo nzego zavuzwe haruguru.

Uwo mushinga muburyo burambuye wararangiye, ndetse uhagezwa muri Perefegitura no muri Ministeri y'Urubyiruko,Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse.

Undi mushinga nawo warangiye n'uwo kwigisha Urubyiruko uburyo bwo kwirinda SIDA. Nawo wararangiye, wagejejwe mu karere k'Ubuzima ka KIBUNGO no mw'ishami rishinzwe ibya SIDA muri Ministeri y'Urubyiruko.

Izinda gahunda zari zateguwe ntabwo zashoboye gukorwa, kuko habaye Amahugurwa y'Abanyeshuri batahutse vuba.

** ***** / *******